ITANGWA RY'ISAKRAMENTU RY'UGUKOMEZWA NO GUHA UMUGISHA KILIZIYA YA PARUWASI YA GATOVU

Kuri uyu wa 22/11/2013 muri Paruwasi ya Gatovu habaye ibirori by'impurirane :

- Guha umugisha Kiliziya ya Paruwasi ya Gatovu
- Itangwa ry'isakramentu ry'Ugukomezwa ryahawe abakristu 243

Ku itariki ya 20/09/2008 nibwo Paruwasi ya Gatovu yakiriye abapadiri baza kuyituramo nyuma y'igihe yari imaze ari imwe mu ma Santarali ya Paruwasi ya Muhororo. Ubwo Paruwasi ya Gatovu yatangiraga n'abapadiri bakaza kuyituramo ku ya 20/09/2013, inyubako ya Kiliziya yari itari yuzura neza. Imirimo y'ubwubatsi yarakomeje. Kuri uyu wa 22/11/2013, ubwo Musenyeri Alexis Habiyambere yazaga gutanga isakramentu ry'Ugukomezwa, ni nabwo yahaye umugisha iyo Kiliziya ubu noneho yuzuye neza anakora umuhango wo kwegurira Imana Alitari na Taberinakulo by'iyo Kiliziya.

Mu nyigisho yatanze muri iyo mihango, umushumba wa Diyoseze ya Nyundo yavuze ko iyo ngoro imaze guhabwa umugisha itandukanye n'inzu zisanzwe kuko ari ingoro yo gusengerwamo, hagaturirwa igitambo cy'Ukaristiya, bakahitagatifuriza. Yasabye abakristu kubaha ingoro y'Imana, igihe bahinjiye bakumva ko binjiye ahantu hatagatifu, bigatuma bahubaha, ntibifate uko babonye kose kandi bagatoza n'abana bato kubaha inzu y'Imana kuko inzu y'Imana si inzu y'inama. Yahereye aho anibutsa ko umuntu w'umukristu nawe ari ingoro, ndetse akaba ingoro ya Roho Mutagatifu kuko ari umuntu udasanzwe : Umuntu wakiriye Yezu, agasigwa Krisma, agahabwa Ukaristiya, akwiye icyubahiro kuko ari umwana w'Imana. Hari ubwo mu buzima bamwe babyibagirwa bakitesha agaciro kandi Imana yarabatonesheje !

Umushumba wa Diyoseze ya Nyundo yasabye kandi abakristu ba Paruwasi ya Gatovu kwivugurura bakaba bashyashya nk'uko Ingoro y'Imana yahawe umugisha ari nshyashya. Yibukije abakomezwa ko bagiye kuba abahamya b'Inkuru nziza nk'uko intumwa zimaze guhabwa Roho mutagatifu zamamaje hose ibitangaza by'Imana. Abakomejwe nabo bafite ubwo butumwabwo kwamamaza ibitangaza by'Imana kandi bakirinda gushyira urukuta rw'inabi hagati yabo n'abavandimwe babo kuko inkuta z'inabi mu Rwanda zatugejeje kuri Jenoside.

Mu byagaragajwe n'abakristu, Padiri mukuru wa Paruwasi ya Gatovu BIZIMANA Jean Damascene ndetse n'uhagarariye abakristu bavuka i Gatovu baba i Kigali, ni uko bagiye gushyira hamwe kugira ngo bakomeze kongera inyubako zigikenewe kugeza ubu bishakira ibisubizo aho kuganya :

- Gufata neza inyubako ya Kiliziya
- Kubaka bureaux z'abapadiri

- Kubaka inzu abapadiri babamo kuko ubu bacumbitse mu nzu ababikira b'Izuka babagamo kugeza mu 1994
- Guharanira ko Ababikira b'Izuka bazagaruka gutura i Gatovu abapadiri nibamara kubona aho baba
- Kubaka inzu mberabyombi

Umushumba wa Diyoseze ya Nyundo yasoje abasaba gushyira hamwe imbaraga, abakristu b'abacuruzi n'abari mu zindi nzego z'imirimo bagafasha mu iterambere rya Paruwasi, Ubwo bufatanye buzashoboka igihe Paruwasi zizajya zikora gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire kuko bituma bafata icyerekezo kizima. Ababyeyi bo basabwe kudashyira ku isoko abana babo b'abakobwa usanga basigaye bakobwa bitewe n'amashuri bafite. Ibyo bikaba binaniza urubyiruko ndetse bamwe bakaba bahera iwabo kubera ibyo biciro byashyizweho. Yasabye kandi ababyeyi kumenya kuzigamira abana babo kugira ngo batazagira ibibazo by'amashuri mu minsi iri imbere kuko usanga hari abatangira kugurisha amasambu yabo umwana agitangira umwaka wa mbere kandi n'ayo masambu adahagije n'abandi batuye muri urwo rugo bikaba nyazavamo ingorane ko mu myaka iri imbere bazabura aho bagurisha kandi umwana nawe akaba yacikiza amashuri anateje ubukene mu muryango.

Padiri mukuru yashimiye umwepiskopi anamusezeranya ko bagendeye ku ntego ya Sinodi ya Diyoseze ya Nyundo : Ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo nabo bihaye intego muri Paruwasi ya Gatovu : Ishyaka mfitiye Ingoro yawe riramparanya

Padiri Bernard KANAYOGE

Amafoto amwe n'amwe y'uwo munsi uko tuyagezwaho n'abari bahari